# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

*A.* ***Amategeko/Laws/Lois***

**N°54/2011 ryo kuwa 14/12/2011**
Itegeko ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera......2
**N°54/2011 of 14/12/2011**
Law relating to the rights and the protection of the child…………………………………..2
**N° 54/2011 du 14/12/2011**
Loi relative aux droits et à la protection de l'enfant…………………………………………...2

**N°16/2012 ryo kuwa 22/05/2012**
Itegeko rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigega cy'Igihugu cy'Ibidukikije (FONERWA)……………………………………………………………………………………55
**Nº16/2012 of 22/05/2012**
Law determining the organization, functioning and mission of the National Fund for Environment (FONERWA)………………………………………………………………….55
**Nº16/2012 du 22/05/2012**
Loi portant organisation, fonctionnement et mission du Fonds National de l'Environnement (FONERWA)……………………………………………………………………………………55

*B.* ***Amateka ya Minisitiri w'Intebe /Prime Minister's Orders/Arrêtés du Premier Ministre***

**Nº33/03 ryo kuwa 19/06/2012**
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimo by'Ikigo cy'ingoro z'Igihugu z'umurage w'u Rwanda……………………………………66
**Nº33/03 of 19/06/2012**
Prime Minister's Order determining the organisational structure and summary of job positions of the Institute of Rwanda National Museums………………………………….66
**Nº33/03 du 19/06/2012**
Arrêté du Premier Ministre déterminant la structure organisationnelle et la synthèse des emplois de l'Institut des Musées Nationaux du Rwanda…………………………………….66

**ITEGEKO N°54/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RYEREKEYE UBURENGANZIRA BW'UMWANA N'UBURYO BWO KUMURINDA NO KUMURENGERA**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Abo iri tegeko ririnda n'abo rirengera**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II: AMAHAME RUSANGE Y'UBURENGANZIRA BW'UMWANA**

**Ingingo ya 4: Uburinganire bw'abana**

**Ingingo ya 5: Itandukanya ry'abana hashingiwe ku buryo bavutse**

**Ingingo ya 6: Inyungu y'umwana**

**Ingingo ya 7: Igitekerezo cy'umwana**

**LAW N°54/2011 OF 14/12/2011 RELATING TO THE RIGHTS AND THE PROTECTION OF THE CHILD**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2 : Scope of application**

**Article 3: Definitions of terms**

**CHAPTER II : GENERAL PRINCIPLES RELATING TO THE RIGHTS OF THE CHILD**

**Article 4 : Equality of the children**

**Article 5 : Discrimination based on children birth conditions**

**Article 6 : Best interests of the child**

**Article 7 : Opinion of the child**

**LOI N° 54/2011 DU 14/12/2011 RELATIVE AUX DROITS ET A LA PROTECTION DE L'ENFANT**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2: Personnes protégées par la présente loi**

**Article 3 : Définitions des termes**

**CHAPITRE II : PRINCIPES GENERAUX RELATIFS AUX DROITS DE L'ENFANT**

**Article 4 : Egalité des enfants**

**Article 5 : Non-distinction d'enfants sur base des conditions de naissance**

**Article 6 : Intérêt supérieur de l'enfant**

**Article 7 : Opinion de l'enfant**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 8: Uburenganzira bwo kubaho** | **Article 8 : Right to life** | **Article 8 : Droit à la vie** |
| **Ingingo ya 9: Indishyi zigenerwa umwana wagize impanuka** | **Article 9 : Compensation of a child who is victim of an accident** | **Article 9 : Indemnisation de l'enfant victime d'un accident** |
| **Ingingo ya 10 : Uburenganzira bw'imikurire** | **Article 10 : Right to grow** | **Article 10: Droit à la croissance** |
| **Ingingo ya 11: Igihe uburenganzira bw'umwana butangirira** | **Article 11: Beginning of the enjoyment of the child's rights** | **Article 11: Début de la jouissance des droits de l'enfant** |
| **UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA MBONEZAMUBANO, UBWISANZURE N'INSHINGANO BY'UMWANA** | **CHAPTER III :CIVIL RIGHTS, FREEDOM AND DUTIES OF THE CHILD** | **CHAPITRE III : DROITS CIVILS, LIBERTES ET DEVOIRS DE L'ENFANT** |
| **Icyiciro cya mbere: Uburenganzira mbonezamubano bw'umwana** | **Section One : Civil rights of the child** | **Section première : Droits civils de l'enfant** |
| **Ingingo ya 12: Uburenganzira bw'umwana bwo kugira ibimuranga** | **Article 12 : Right of the child to an identity** | **Article 12 : Droit de l'enfant à une identité** |
| **Ingingo ya 13: Izina ry'umwana** | **Article 13 : Name of the child** | **Article 13 : Nom de l'enfant** |
| **Ingingo ya 14: Ubwenegihugu bw'umwana** | **Article 14: Nationality of the child** | **Article 14 : Nationalité de l'enfant** |
| **Ingingo ya 15: Isano ry'umuryango** | **Article 15 : Family relations** | **Article 15 : Lien familial** |
| **Ingingo ya 16: Iyandikwa ry'umwana wavutse** | **Article 16: Registration of new born child** | **Article 16 : Enregistrement d'un enfant né** |
| **Icyiciro cya 2: Ubwisanzure bw'umwana** | **Section 2: Freedom of the child** | **Section 2 : Libertés de l'enfant** |

**Ingingo ya 17: Ubwisanzure bw'umwana mu gutekereza, kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini**

**Ingingo ya 18: Ubwisanzure bwo kwishyira hamwe**

**Ingingo ya 19: Imibereho bwite y'umwana**

**Ingingo ya 20: Uburenganzira bwo kumenya amakuru, kuruhuka no kwidagadura**

**Icyiciro cya 3: Inshingano z'umwana**

**Ingingo ya 21: Inshingano yo kubaha no gufasha**

**Ingingo ya 22: Gukunda igihugu**

**Ingingo ya 23: Inshingano yo kwiga**

**UMUTWE WA IV: UMURYANGO BWITE W'UMWANA N'UMURYANGO MWISHINGIZI**

**Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange**

**Ingingo ya 24: Uburenganzira bwo kugira umuryango**

**Article 17: Freedom of expression, thought, conscience and religion of the child**

**Article 18: Freedom of association**

**Article 19 : Private life of the child**

**Article 20 : Right to access information and right to rest and leisure**

**Section 3 : Duties of the child**

**Article 21: Obligation of respect and assistance**

**Article 22 : Patriotism**

**Article 23 : Duty to study**

**CHAPTER IV : FAMILY OF THE CHILD AND GUARDIAN FAMILY OF THE CHILD**

**Section One: General provisions**

**Article 24 : Right to a family**

**Article 17 : Liberté d'expression, de pensée, de conscience et de religion de l'enfant**

**Article 18 : Liberté d'association**

**Article 19: Vie privée de l'enfant**

**Article 20 : Droit d'accès à l'information et droit au repos et aux loisirs**

**Section 3 : Devoirs de l'enfant**

**Article 21 : Devoir de respect et d'assistance**

**Article 22 : Patriotisme**

**Article 23 : Devoir d'étudier**

**CHAPITRE IV : MILIEU FAMILIAL DE L'ENFANT ET LA FAMILLE DE GARDE DE L'ENFANT**

**Section première : Dispositions générales**

**Article 24 : Droit à la famille**

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Icyiciro cya 2:</u> Umuryango bwite** | **<u>Section 2</u> : Birth family** | **<u>Section 2 :</u> Famille de naissance** |
| **<u>Ingingo ya 25</u>: Inshingano y'umuryango n'ababyeyi yo kuyobora umwana** | **<u>Article 25</u>: Duties of the family and parents to educate child** | **<u>Article 25</u>: Devoir de la famille et des parents quant à l'éducation de l'enfant** |
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Inshingano ya Leta yo kugoboka ababyeyi cyangwa abishingiye umwana batishoboye** | **<u>Article 26</u>: Government obligation of assistance to indigent parents or guardians** | **<u>Article 26</u> : Obligation de l'Etat d'assistance aux parents ou aux tuteurs indigents** |
| **<u>Icyiciro cya 3:</u> Gushyira umwana uhohoterwa cyangwa utotezwa n'umuryango we ahandi arererwa** | **<u>Section 3</u>: Placement in a foster family of a child victim of violence and mistreatments in his/her family** | **<u>Section 3 :</u> Placement de l'enfant dans la famille d'accueil en cas de violences et mauvais traitements par sa famille** |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Impamvu zatuma umwana ashakirwa ahandi arererwa** | **<u>Article 27</u> :Reasons for placement of the child** | **<u>Article 27</u> : Conditions de placement de l'enfant** |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano yo kumenyekanisha ibikorwa bibi bikorerwa umwana** | **<u>Article 28</u>: Obligation to denounce violence and mistreatments against the child** | **<u>Article 28</u>: Obligation de dénoncer des violences et des mauvais traitements à l'égard de l'enfant** |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Ingamba z'agateganyo zihutirwa** | **<u>Article 29</u> :Urgent and provisional measures** | **<u>Article 29</u> : Mesures urgentes et provisoires** |
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Iperereza rikorwa n'inzego z'ubuyobozi** | **<u>Article 30</u> :Administrative investigations** | **<u>Article 30</u> : Investigations administratives** |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Igitekerezo cy'umwana ku birebana no gushakirwa ahandi arererwa** | **<u>Article 31</u> : The opinion of the child in placement procedure** | **<u>Article 31</u> : Opinion de l'enfant dans la procédure de placement** |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Icyemezo cyo kugarura umwana mu muryango** | **<u>Article 32</u> :Decision ordering to return a child in the family** | **<u>Article 32</u>: Décision ordonnant le retour de l'enfant dans la famille** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 33: Gutakambira inzego ku cyemezo cy'agateganyo cyo gushyira umwana ahandi arererwa** | **Article 33 :Appeal against the decision of provisional decision as to placement of a child** | **Article 33 : Recours contre la décision provisoire de placement de l'enfant** |
| **Ingingo ya 34: Gufata icyemezo cya burundu cyo gushyira umwana ahandi arererwa** | **Article 34: Taking the final decision as to placement of a child** | **Article 34: Prendre la décision finale de placement de l'enfant** |
| **Ingingo ya 35: Uko umwana washyizwe ahandi arererwa yitabwaho** | **Article 35: Care for the child under placement** | **Article 35: Encadrement de l'enfant en placement** |
| **Ingingo ya 36: Uburenganzira bwo kubonana n'abagize umuryango we** | **Article 36 : Right to maintain contacts with his/her family members** | **Article 36 : Droit de contacts avec les membres de sa famille** |
| **Ingingo ya 37: Gutera inkunga umwana washyizwe ahandi arererwa** | **Article 37 : Support to a child in placement** | **Article 37 : Appui à l'enfant en placement** |
| **Icyiciro cya 4: Isimbura ry'umuryango w'umwana** | **Section 4 : Substitution of a child's family** | **Section 4 : Substitution de la famille de l'enfant** |
| **Ingingo ya 38: Gushyira umwana wabuze umuryango we mu wundi muryango umwakira** | **Article 38 : Placement of a child deprived of his/her family in a foster family** | **Article 38 : Placement d'un enfant privé de sa famille dans une autre famille d'accueil** |
| **Ingingo ya 39: Kubera umubyeyi umwana wabuze umuryango akomokamo** | **Article 39 : Adoption of a child deprived of his/her birth family** | **Article 39: Adoption d'un enfant privé de sa famille de naissance** |
| **Ingingo ya 40: Impamvu zituma Umwana ashyirwa mu kigo cyita ku mibereho myiza** | **Article 40: Reasons for the placement of a child in a social welfare institution** | **Article 40 : Raisons de placement d'un enfant dans un établissement social** |
| **UMUTWE WA V: UBUZIMA NO KUBAHO NEZA BY'UMWANA** | **CHAPTER V: CHILD'S HEALTH AND WELFARE** | **CHAPITRE V : SANTE ET BIEN ETRE DE L'ENFANT** |

**Icyiciro cya mbere: Ubuzima bw'umwana**

**Ingingo ya 41: Kwishingira ubuvuzi bw'abana b'imfubyi n'abandi bana batagira kivurira**

**Icyiciro cya 2: Gushyira umwana mu kigo agomba kuvurirwamo**

**Ingingo ya 42: Umwana ufite ubumuga bwihariye**

**Ingingo ya 43: Isuzumwa rya buri gihe ry'umwana washyizwe mu kigo kugira ngo avurwe**

**Ingingo ya 44: Ingamba zo kurinda ubuzima bw'umwana**

**Ingingo ya 45: Ubwishingizi bw'indwara**

**Ingingo ya 46: Gukurikirana umwana warangije kuvurirwa mu kigo cyita ku bana bafite indwara zihariye**

**Icyiciro cya 3: Uburezi bw'umwana**

**Ingingo ya 47: Kwiga ku buntu amashuri abanza**

**Section One: Child's health**

**Article 41: Taking care of orphans and other vulnerable children**

**Section 2: Placement of a child in a medical care centre**

**Article 42: Child with a special disability**

**Article 43: Periodical examination to a child under placement for treatment**

**Article 44 : Protection measures for the health of the child**

**Article 45 : Medical insurance**

**Article 46: Follow up of the child with specific diseases after being treated in a specialized centre**

**Section 3 : Education of the child**

**Article 47 : Free primary education**

**Section première : Santé de l'enfant**

**Article 41 : Prise en charge des enfants orphelins et autres enfants vulnérables**

**Section 2 : Placement de l'enfant dans un centre de soins médicaux**

**Article 42: Enfant avec handicap spécial**

**Article 43 : Examen périodique de l'enfant en placement pour traitement**

**Article 44 : Mesures de protection de la santé de l'enfant**

**Article 45 : Assurance maladies**

**Article 46 : Suivi d'un enfant souffrant d'une maladie spécifique après traitement dans un centre spécialisé**

**Section 3 : Education de l'enfant**

**Article 47 : Gratuité de l'enseignement primaire**

**Ingingo ya 48: Kugabanya ikigereranyo cy'abana bata ishuri**

**UMUTWE WA VI: KURENGERA NO KURINDA ABANA BAKENEYE KUGOBOKWA BYIHUTIRWA, ABASHAKIRWAHO INYUNGU, ABANA B'IMFUBYI KANDI BATAGIRA KIVURIRA**

**Icyiciro cya mbere: Abana bakeneye kugobokwa byihutirwa**

**Ingingo ya 49: Abana b'impunzi**

**Ingingo ya 50: Abana bahuye n'ikiza cyangwa intambara**

**Icyiciro cya 2:Abana bashakirwaho inyungu**

**Ingingo ya 51: Gushakira inyungu ku mwana mu rwego rw'ubukungu**

**Ingingo ya 52: Imyaka fatizo y'umurimo ku mwana**

**Icyiciro cya 3: Abana b'imfubyi n'abandi batagira kivurira**

**Ingingo ya 53: Iyakira ry'abana b'imfubyi**

**Article 48: Reduction of school drop-out rate**

**CHAPTER VI: PROTECTION OF CHILDREN IN EMERGENCY, CHILDREN IN SITUATION OF EXPLOITATION, ORPHANS AND VULNERABLE CHILDREN**

**Section One: Children in emergency**

**Ingingo ya 49: Children Refugees**

**Article 50 : Children affected by disaster or armed conflicts**

**Section 2 : Children subjected to exploitation**

**Article 51 : Economical exploitation of a child**

**Article 52: Minimum age for the child's admission to employment**

**Section 3 : Orphans and other vulnerable children**

**Article 53: Social insertion of orphans**

**Article 48 : Réduction du taux d'abandon scolaire**

**CHAPITRE VI : PROTECTION SPECIALE DES ENFANTS EN SITUATION D'URGENCE, DES ENFANTS EN SITUATION D'EXPLOITATION, DES ENFANTS ORPHELINS ET VULNERABLES**

**Section première : Enfants en situation d'urgence**

**Ingingo ya 49 : Enfants réfugiés**

**Article 50 : Enfants affectés par des catastrophes ou des conflits armés**

**Section 2 : Enfants en situation d'exploitation**

**Article 51: Exploitation économique de l'enfant**

**Article 52: Age minimum pour accéder au travail par l'enfant**

**Section 3 : Enfants orphelins et autres enfants vulnérables**

**Article 53: Accueil d'enfants orphelins**

**batagira umuryango**

**Ingingo ya 54: Abana bafite ubumuga**

**Ingingo ya 55: Abana babana na virusi itera SIDA cyangwa barwaye SIDA**

**Ingingo ya 56: Abana babana na ba nyina bafunzwe**

**Ingingo ya 57: Abana b'inzererezi n'abasabirizi**

**UMUTWE WA VII: ABANA BAFITANYE IKIBAZO N'AMATEGEKO**

**Ingingo ya 58: Imyaka y'amavuko fatizo y'uburyozwacyaha**

**Ingingo ya 59: Ikurikiranacyaha rireba umwana**

**Ingingo ya 60: Ifatwa ry'umwana n'ifungwa rye ry'agateganyo**

**Ingingo ya 61: Gukemura ibibazo by'umwana bitabaye ngombwa kubinyuza mu nkiko**

**Ingingo ya 62: Guha umwana igihano**

**deprived of family**

**Article 54: Handicapped children**

**Article 55 : Children infected or affected by HIV /AIDS**

**Article 56 : Children living with their mothers in prison**

**Article 57: Children living in vagrancy and beggary**

**CHAPTER VII : CHILDREN IN CONFLICT WITH THE LAW**

**Article 58: Minimum age for criminal liability**

**Article 59 : Penal proceeding of a child**

**Article 60: Arrest and a child on remand**

**Article 61: Compromise on cases against a child**

**Article 62: Sentencing a child**

**privés de famille**

**Article 54 : Enfants handicapés**

**Article 55: Enfants infectés ou affectés par le VIH/SIDA**

**Article 56: Enfants vivant avec leurs mères en prison**

**Article 57: Enfants vivant dans le vagabondage et la mendicité**

**CHAPITRE VII : ENFANTS EN CONFLIT AVEC LA LOI**

**Article 58 : Age minimum de la responsabilité pénale**

**Article 59: Action pénale à charge de l'enfant**

**Article 60 : Arrestation et détention préventive de l'enfant**

**Article 61: Transaction sur des cas mettant en cause un enfant**

**Article 62 : Condamnation d'un enfant**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 63: Gushyira mu kigo cyihariye umwana wakatiwe igihano** | **Article 63: Placement of a sentenced child under a specialized centre** | **Article 63: Placement d'un enfant condamné dans un établissement social spécialisé** |
| **Ingingo ya 64: Kurinda imibereho bwite y'umwana ufitanye ikibazo n'amategeko** | **Article 64 : Protection of the privacy of a child in conflict with the law** | **Article 64 : Protection de la vie privée de l'enfant en conflit avec la loi** |
| **UMUTWE WA VIII: IHANWA IYO HAKOZWE IBIBUJIJWE N'IRI TEGEKO** | **CHAPTER VIII: PUNISHMENT OF CASES FORBIDDEN BY THIS LAW** | **CHAPITRE VIII: SANCTION DES FAITS INTERDITS PAR LA PRESENTE LOI** |
| **Ingingo ya 65: Ihanwa iyo hakozwe ibibujijwe n'iri tegeko** | **Article 65: Punishment of cases forbidden by this law** | **Article 65 : Sanction des faits interdits par la présente loi** |
| **UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA** | **CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE I X: DISPOSITIONS FINALES** |
| **Ingingo ya 66: Kubahiriza no kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umwana** | **Article 66: Compliance and control of respect of child's rights** | **Article 66 : Suivi et contrôle du respect des droits de l'enfant** |
| **Ingingo ya 67: Ingingo zihuriranye n'iz'irindi tegeko biri ku rwego rumwe** | **Article 67: Provisions concurring with provisions of other laws of the same level** | **Article 67 : Dispositions qui concourent avec les dispositions d'autres lois de la même hiérarchie** |
| **Ingingo ya 68: Itegurwa, isuzuma n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 68: Drafting, consideration and adoption of this law** | **Article 68: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 69: Ivanwaho ry' itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **Article 69:Repealing provision** | **Article 69 : Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 70: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 70: Commencement** | **Article 70: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N°54/2011 RYO KUWA 14/12/2011 RYEREKEYE UBURENGANZIRA BW'UMWANA N'UBURYO BWO KUMURINDA NO KUMURENGERA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 29 Nzeri 2011;

Umutwe wa Sena, mu nama yayo yo kuwa 28 Nzeri 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 15, iya 27, iya 28, iya 40, iya 41, iya 62**,** iya 66, iya 67**,** iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

**LAW N°54/2011 OF 14/12/2011 RELATING TO THE RIGHTS AND THE PROTECTION OF THE CHILD**

**We, Paul KAGAME,**
President of the Republic**;**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 29 September 2011;

The Senate, in its session of 28 September 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 15, 27, 28,40, 41, 62, 66, 67, 88, 89,90, 92, 93,95, 108, 201;

**LOI N°54/2011 DU 14/12/2011 RELATIVE AUX DROITS ET A LA PROTECTION DE L'ENFANT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT, ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 29 Septembre 2011;

Le Sénat, en sa séance du 28 Septembre 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 15, 27, 28, 40, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,95, 108, 201 ;

Ishingiye ku Masezerano y'i Geneve yerekeye amategeko agenga impunzi yo kuwa 28 Nyakanga 1951, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°29/79 ryo ku wa 22 Ukwakira 1979;

Ishingiye ku Masezerano yerekeye ugushyingirwa ku bushake, imyaka mike yo gushyingirwa no kwandika ubushyingirwe yo kuwa 10 Ukuboza 1962, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°159/01 ryo kuwa 31 Ukuboza 2002;

Ishingiye ku Masezerano n°123 ya Komite mpuzamahanga y'umurimo yerekeye imyaka fatizo y'amavuko yo kwemererwa gukora imirimo yo munsi y'ubutaka mu birombe yo kuwa 22 Kamena 1965, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 95/12 ryo kuwa 28 Ukwakira 1968;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki yo kuwa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko - Teka n° 8/75 ryo kuwa 12/02/1975, cyane cyane ku ngingo zaryo iya 3, iya 10, iya 14, iya 18, iya 23 n'iya 24;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira ku by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo kuwa 16 Ukuboza 1966, yemejwe n'Itegeko - Teka n° 8/75 ryo kuwa 12/02/1975, cyane cyane ku ngingo zaryo iya 3, iya 10, iya 12 n'iya 13;

Pursuant to the Convention of Geneva relating to the status of the refugees of July 28, 1951, ratified by the Presidential Order n° 29/79 of October 22, 1979;

Pursuant to the Convention on the Assent on marriage, the minimum age of the marriage and the recording of the marriages of December 10, 1962, ratified by the Presidential Order 159/01 of December 31, 2002;

Pursuant to the Convention n° 123 of the International Labour Committee relating to the minimum age for admission to mining underground labour of June 22, 1965, ratified by the Presidential Order n° 95/12 of October 28, 1968;

Pursuant to the International Pact on Civil and Political rights of December 16, 1966 ratified by the Decree-Law n°8/75 of February 12, 1975, especially in Articles 3, 10, 14, 18, 23 and 24;

Pursuant to the International Convention on economical and socio-cultural rights of December 16, 1966 ratified by the Decree - Law n° 8 /75 of February 12, 1975, especially in Articles 3,10, 12 and 13;

Vu la Convention de Genève relative au statut des réfugiés du 28 juillet 1951, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 29/79 du 22 octobre 1979 ;

Vu la Convention sur le Consentement au mariage, l'âge minimum du mariage et l'enregistrement des mariages du 10 décembre 1962, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n°159/01 du 31 décembre 2002 ;

Vu la Convention n°123 du Comité International du Travail concernant l'âge minimum d'admission aux travaux souterrains dans les mines du 22 juin 1965, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 95/12 du 28 octobre 1968 ;

Vu le Pacte International relatif aux droits civils et politiques du 16 décembre 1966, ratifié par le Décret-loi n° 8/75 du 12 /02/1975, spécialement en ses articles 3,10, 14, 18, 23 et 24 ;

Vu le Pacte International relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966, ratifié par le Décret-loi n°8/75 du 12/02/1975, spécialement à ses articles 3, 10, 12 et 13;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yo kuwa 10 Nzeri 1969 agenga imiterere y'ibibazo byihariye by'impunzi muri Afurika, yemejwe n'Itegeko-Teka n°30/79 ryo kuwa 22 Ukwakira 1979;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango mpuzamahanga w'Umurimo n°138 yerekeye imyaka ya ngombwa yo gutangiriraho akazi yo kuwa 26 Kamena 1973, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°416/06 ryo kuwa 7 Ugushyingo, 1980;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango w'Abibumbye yerekeye uburenganzira bw'umwana yo kuwa 20 Ugushyingo 1989, yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 773/16 ryo kuwa 19 Nzeli 1991;

Ishingiye ku Masezerano y'Afurika yerekeye uburenganzira n'imibereho myiza by'umwana yo kuwa 11 Kamena 1990 yemejwe n'Iteka rya Perezida n° 11/01 ryo kuwa 30 Gicurasi 2001;

Ishingiye ku Masezerano y'Umuryango mpuzamahanga w'Umurimo n°182 yo ku wa 17 Kamena 1999 yerekeye guca byihutirwa kandi burundu imirimo mibi ikoreshwa abana, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°39 bis/01 ryo kuwa 30 Nzeri 1999;

Pursuant to the Convention of the Organization of African Unity of September 10, 1969 governing the specific aspects to the problems of the refugees in Africa, ratified by the Decree-Law n° 30/79 of October 22, 1979;

Pursuant to the Convention N°138 of the International Labour Organization concerning the minimum age for admission to employment of June 26, 1973, ratified by the Presidential Order n° 416/06 of November 7, 1980;

Pursuant to the Convention of the United Nations on the rights of the child of November 20, 1989, ratified by the Presidential Order n°773/16 of September 19, 1991;

Pursuant to the African Charter on the rights and welfare of the child of June 11, 1990, ratified by the Presidential Order N°11/01 of May 30, 2001;

Pursuant to the Convention of the International Labour Organization N°182 of June 17, 1999 on prohibition and immediate elimination of worst forms of child labor ratified by the Presidential Order n° 39 bis/01 of September 30, 1999;

Vu la Convention de l'Organisation de l'Unité Africaine du 10 septembre 1969 régissant les aspects propres aux problèmes des réfugiés en Afrique, ratifiée par le Décret-loi n° 30/79 du 22 octobre 1979 ;

Vu la Convention N°138 de l'Organisation Internationale du Travail du 26 juin 1973 concernant l'âge minimum d'admission à l'emploi, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 416/06 du 07 novembre 1980;

Vu la Convention des Nations Unies sur les droits de l'enfant du 20 novembre 1989, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 773/16 du 19 septembre 1991 ;

Vu la Charte Africaine des droits et bien-être de l'enfant du 11 juin 1990, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n°11/01 du 30 mai 2001 ;

Vu la Convention de l'Organisation Internationale du Travail N°182 du 17 juin 1999 concernant l'interdiction et l'élimination des pires formes de travail des enfants, ratifiée par l'Arrêté Présidentiel n° 39 bis/01 du 30 septembre 1999;

Ishingiye ku Masezerano adahatirwa y'umugereka ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana n'igurishwa ry'abana, uburaya n'amashusho y'ibiterasoni byerekeye umwana yo kuwa 20 Gicurasi 2000, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°32/1 ryo kuwa 26 Gashyantare 2002;

Ishingiye ku Masezerano adahatirwa y'umugereka ku Masezerano yerekeye uburenganzira bw'umwana ku birebana n'ishorwa ry'abana mu ntambara yo kuwa 25 Gicurasi 2000 arebana no gushora abana mu ntambara, yemejwe n'Iteka rya Perezida n°31/01 ryo kuwa 26 Gashyantare 2002;

Ishingiye ku Masezerano agamije gukuraho no guhana icuruza ry'abantu, cyane cyane abagore n'abana yuzuza amasezerano agamije kurwanya ubugizi bwa nabi mpuzamahanga buteguye, yo kuwa 15 Ugushyingo 2000, yemejwe n' Iteka rya Perezida n°163/01 ryo kuwa 31 Ukuboza 2002;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°30/2008 ryo kuwa 25/7/2008 ryerekeye ubwenegihugu nyarwanda;

Ishingiye ku Itegeko-Teka n° 21/77 ryo kuwa 18 Kanama 1977 rishyiraho Igitabo

Pursuant to the optional Protocol to the Convention on the Rights of the Child of May 20, 2000 on the Sale of Children, Child prostitution and Child Pornography, ratified by the Presidential Order n°32/1 of February 26, 2002;

Pursuant to the optional Protocol to the Convention on the Rights of the Child of May 25, 2000, on the involvement of children in armed conflict, ratified by the Presidential Order n° 32/01 of February 26, 2002;

Pursuant to the additional Protocol on the Convention of the United Nations against organised transnational criminality aiming at preventing, repressing and punishing the human trade, in particular women and children, of November 15, 2000, ratified by the Presidential Order n° 163/01 of December 31, 2002;

Pursuant to Organic Law n° 30/2008 of 25/07/2008 relating to Rwandan nationality;

Pursuant to Decree-Law n° 21/77 of 18 August 1977 instituting the Criminal

Vu le Protocole facultatif à la Convention relative aux droits de l'enfant du 20 mai 2000 concernant la vente et la prostitution d'enfants et la pornographie mettant en scène des enfants, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n°32/1 du 26 février 2002 ;

Vu le Protocole facultatif à la Convention relative aux droits de l'enfant du 25 mai 2000, concernant l'implication des enfants dans les conflits armés, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 32/01 du 26 février 2002 ;

Vu le Protocole additionnel à la Convention des Nations Unies contre la criminalité transnationale organisée visant à prévenir, réprimer et punir la traite des personnes, en particulier des femmes et des enfants, du 15 novembre 2000, ratifié par l'Arrêté Présidentiel n° 163/01 du 31 décembre 2002;

Vu la Loi Organique n° 30/2008 du 25/07/2008 portant code de la nationalité rwandaise ;

Vu le Décret-loi n° 21/77 du 18 août 1977 portant code pénal tel que modifié et complété

cy'AmategekoAhana nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n°42/1988 ryo kuwa 27/10/1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano;

Ishingiye ku Itegeko N°22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura;

Ishingiye ku Itegeko n°13/2009 ryo kuwa 27/05/2009 rigenga Umurimo mu Rwanda;

Isubiye ku Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri itegeko ryerekeye uburenganzira bw'umwana

Code as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n°42/1988 *of* 27/10/1988, instituting the Preliminary Title and Book one of the Civil Code;

Pursuant to Law n° 22/99 of 12/11/1999 to supplement book I of the civil code and to institute part Five regarding matrimonial regimes, liberalities and successions;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda;

Having reviewed Law n° 27/2001 of April 28, 2001 relating to rights and protection of the child against violence;

**ADOPTS :**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law is relating to the rights and the

à ce jour;

Vu la Loi n° 42/1988 du 27/10/1988 instituant le Titre Préliminaire et le livre Premier du Code Civil ;

Vu la Loi n° 22/99 du 12/11/1999 complétant le Livre Premier du Code Civil et instituant la Partie V relative aux régimes matrimoniaux, libéralités et successions ;

Vu la Loi n°13/2009 du27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda.

Revu la Loi n° 27/2001 du 28 avril 2001 relative aux droits et à la protection de l'enfant contre les violences ;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi est relative aux droits et à la

n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Abo iri tegeko ririnda n'abo rirengera**

Iri tegeko rikoreshwa mu kurinda no kurengera umwana uwo ari we wese uri mu Rwanda, mu buryo ubwo ari bwo bwose, haseguriwe amategeko mpuzamahanga yerekeye abantu ku giti cyabo, ateganya ko mu rwego rw'irangamimerere, hakurikizwa amategeko y'igihugu umwana akomokamo.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

**1° gushyira umwana ahandi arererwa**: icyemezo gifatwa n'urwego rubifitiye ububasha rugamije guha umwana uburyo bwo kumwitaho, kumurinda no kumufata neza ku mubiri no mu mitekerereze mu muryango umwakiriye, umuryango adakomokamo wemeye kumubera umubyeyi cyangwa mu kigo cy'imibereho myiza cyaba icya Leta cyangwa cyigenga gikwiriye;

**2° ihohoterwa no gufatwa nabi bikorewe mu rugo:** ibihano byo ku mubiri bikabije, by'ubunyamaswa cyangwa bitesha agaciro,

protection of the child.

**<u>Article 2</u> : Scope of application**

This Law shall apply to the protection of any child staying in Rwanda under any form of circumstances subject to the standards of the international private law which stupilate that for matters relating to civil status, the legislation of the country a person originates from shall apply.

**<u>Article 3</u>: Definitions of terms**

For the purpose of this Law, the following terms mean:

**1° placement of a child**: a measure taken by the relevant authority for the purposes of care, protection or decent treatment of a child physical or mental health in a foster family or an adoptive family or a suitable public or private social welfare institution;

**2° violence and domestic mistreatments** : excessive physical punishment, inhuman or degrading treatment, sexual violence, tortures,

protection de l'enfant**.**

**<u>Article 2</u>: Personnes protégées par la présente loi**

La présente loi s'applique en matière de protection de tout enfant se trouvant au Rwanda sous toute forme de circonstances, sous réserve des normes du droit international privé qui prévoient que pour les questions relatives au statut d'une personne, la législation du pays d'origine de cette dernière s'applique.

**<u>Article 3</u> : Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes suivants signifient :

**1° placement d'enfant** : une mesure prise par l'autorité compétente aux fins de donner à l'enfant des soins, une protection ou un traitement physique ou mental décent dans une famille d'accueil, dans une famille adoptive ou dans un établissement social public ou privé ;

**2° violences et mauvais traitements domestiques :** des punitions corporelles excessives, inhumaines ou dégradantes, des

ibikorwa by'ihohotera rishingiye ku gitsina, iyicarubozo, guhutazwa ku mubiri cyangwa mu mitekerereze, kutitabwaho, gushakira inyungu ku mwana cyangwa kumutererana bikozwe n'umubyeyi cyangwa ababyeyi, uwishingiye umwana cyangwa undi muntu uwo ari we wese umufiteho ububasha ahabwa n'amategeko;

**3º ikigo cyita ku mibereho myiza cya Leta:**ikigo cya Leta cyakira abana kikabarinda, kikabarengera mu buryo buteganywa n'amategeko;

**4º ikigo cyita ku mibereho myiza cyigenga**: ikigo cyangwa ishyirahamwe bigengwa n'itegeko rigenga imiryango itari iya Leta byakira, bikarinda abana mu buryo buteganywa n'amategeko;

**5º imirimo mibi ku bana**: imirimo mibi ku bana irimo: kubashyira mu bucakara ubwo ari bwo bwose n'ibisa nabwo; kugurisha no gucuruza abana; kubakoresha nk'abaja mu kwishyura amadeni; kubakoresha basimbura abakuru mu mirimo itegetswe; kubashyira mu kazi kugira ngo bakoreshwe mu makimbirane n'intambara; gukoresha, guha akazi no gutanga umwana ngo akoreshwe ku mpamvu z'uburaya, mu gukora ibikoresho bijyanye n'uburaya cyangwa gukora ibikorwa ibyo ari byo byose n'imikino y'ibiterasoni bishingiye ku gitsina; gukoresha,

physical or mental violence, negligence, exploitation or negligent treatment of the child done by his/her parents, legal guardian or any other person who has his/her legal care;

**3º public social welfare institution**: a public institution that caters for children and provide them with the protection in accordance with the law;

**4º private social welfare institution**: an institution or an association which is governed by the law on non-governmental organizations and that caters for children and provide them with the protection in accordance with the law.

**5º worst forms of child labor** *:* the worst forms of child labor that include to induldge children in slavery or similar practices; children trafficking; to turn them into debt bondage; to have them replace grownups in forced labour; to use them in conflicts and wars; the recruitment, use, procuring or offering of a child for prostitution or for the production of pornography or for pornographic shows; the use, recruitment and procuring or offering of a child for illicit activities such as manufacture and marketing of drugs; the work

actes de violences sexuelles, de tortures, de brutalités physiques ou mentales, de négligence, d'exploitation ou d'abandon d'enfant fait par le ou les parents, le tuteur ou toute autre personne qui exerce sur lui l'autorité légale ;

**3º établissement social public** : un établissement public qui accueille les enfants et leur assure la protection conformément à la loi ;

**4º établissement social privé** : un établissement ou une association régi par la loi sur les organismes non-gouvernementaux qui accueille les enfants et leur assure la protection conformément à la loi.

**5º Pires formes de travail des enfants:** les pires formes de travail des enfants comprennent toutes les formes d'esclavage ou pratiques analogues; la vente et la traite des enfants; la servitude pour dettes; le travail obligatoire à la place des adultes; le recrutement forcé ou obligatoire des enfants en vue de leur utilisation dans des conflits et des combats; l'utilisation, le recrutement ou l'offre d'un enfant à des fins de prostitution, de production de matériel pornographique ou de spectacles pornographiques; l'utilisation, le

guha akazi no gutanga umwana ngo akoreshwe mu bikorwa bitemewe n'amategeko nko gukora no gucuruza ibiyobyabwenge; imirimo ishobora gutera ingaruka mbi nko kwanduza ubuzima bw'umwana, guhungabanya umutekano cyangwa imitekerereze bye;

**6º imyaka fatizo y'amavuko:** imyaka y'amavuko umwana utarayigezaho atemererwa, mu rwego rw'amategeko cyangwa mu bikorwa, kugira igikorwa runaka akora cyagenwe n'itegeko, cyangwa se imyaka y'amavuko ituma umwana uyigejejeho atakaza bumwe mu buryo bwo kumurinda.

**7º ivangura** : itandukanya iryo ari ryo ryose, ihezwa iryo ari ryo ryose, ikumira iryo ari ryo ryose cyangwa ihitamo iryo ari ryo ryose, rishingiye ku bwoko, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku rurimi, ku idini, ku bitekerezo bya politiki cyangwa ibindi bitekerezo by'umwana, iby'ababyeyi cyangwa iby'abamuhagarariye mu rwego rw'amategeko, ku gihugu, ku muryango w'inkomoko, ku mutungo, ku ivuka, cyangwa ku yindi mpamvu iyo ari yo yose, rigira ingaruka cyangwa rigamije kubangamira, kubuza umwana kwemererwa kugira cyangwa gukoresha uburenganzira n'ubwisanzure bwe bwose mu buryo bureshya;

which is likely to harm the health, safety or morals of a child;

**6º minimum age** : it is the age from which the child is legally incompetent or it is physically impossible for him/her to pose an act determined by the law or the age from which certain protections will be lost;

**7º discrimination:** any distinction, exclusion, restriction or preference based in particular on the race, the color, the sex, the language, the religion, the political or other types of opinion of the child, his/her parents or his/her guardians, the national or social origin, the fortune, the birth, or any other status, that can compromise or destroy the recognized, the enjoyment or the exercise by the child of all his/her guaranteed rights and freedoms;

recrutement et l'offre d'un enfant à des fins d'activités illicites telles que la production et le trafic de stupéfiants; les travaux qui sont susceptibles de nuire à la santé, à la sécurité ou à la moralité de l'enfant ;

**6° âge minimum** : c'est l'âge en deçà duquel l'enfant est incapable juridiquement ou matériellement de poser un acte déterminé par la loi ou l'âge à partir duquel seront perdues certaines protections;

**7º discrimination** : toute distinction, exclusion, restriction ou préférence fondée notamment sur la race, la couleur, le sexe, la langue, la religion, les opinions politiques ou autres types d'opinions entretenues par l'enfant, ses parents ou ses tuteurs, l'origine nationale ou sociale, la fortune, la naissance, ou toute autre situation ayant pour effet ou pour but de compromettre ou de détruire la reconnaissance, la jouissance ou l'exercice par tous les enfants, de l'ensemble de leurs droits et libertés dans des conditions d'égalité ;

**8° kugorora umwana washyizwe mu kigo cyihariye**: ingamba zifatwa mu rwego rw'ubuvuzi, urwo gufasha abana bahuye n'uburwayi bwo mu mutwe, izo mu rwego mbonezamubano n'iz'ubucamanza hagamijwe gutuma umwana wahuye n'ubumuga bukabije bwo ku mubiri, ubwo mu mutwe cyangwa se ukabije kugira ingeso mbi nko gusabiriza, kuba inzererezi, ugaragaza bikabije ko ashaka guta ishuri cyangwa wananiranye ku buryo ubwo aribwo bwose, asubira mu buzima busanzwe;

**9° kurengera umwana**: ingamba zose zifashwe mu rwego rw'amategeko, urw'ubuyobozi cyangwa se urw'ubucamanza hagamijwe inyungu z'umwana;

**10° umwana**: umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani **(**18) y'amavuko.

**<u>UMUTWE WA II</u>: AMAHAME RUSANGE Y'UBURENGANZIRA BW'UMWANA**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Uburinganire bw'abana**

Abana bose bavuka bangana kandi bafite uburenganzira n'ubwisanzure bugenwa n'itegeko, bakagira kandi uburyo barindwa kandi barengerwa bujyanye n'uko ari abana, nta tandukanyirizo iryo ari ryo

**8° catering for a child under placement: c**linical, psychiatric, sociological or judiciary measures that are meant for the child's rehabilitation and social integration in terms of all aspects of his/her life when such a child is physically or mentally seriously handicapped, or has openly been indulged into dangerous behaviour such as burglary and vagrancy, or been persistently characterized by school dropout habit or by any other type of social maladjustment;

**9° child protection:** all legislative, administrative or judiciary measures that are taken for the benefit of the child;

**10° a child**: Any person under the age of eighteen (18 ) years.

**<u>CHAPTER II</u> : GENERAL PRINCIPLES RELATING TO THE RIGHTS OF THE CHILD**

**<u>Article 4</u> : Equality of the children**

Children are born equal and entitled to the enjoyment of rights and freedoms recognized and guaranteed by the law and are provided with the protections which are required by their childhood condition without any

**8° le traitement de l'enfant en placement : c**e sont des mesures cliniques, psychiatriques, sociologiques ou judiciaires, visant la réhabilitation et la réinsertion sociale dans tous les aspects de la vie de l'enfant qui est soit frappé d'un fort handicape physique ou mental, ou qui est manifestement dans des états dangereux comme la mendicité ou le vagabondage, ou qui présente des tendances persistantes à l'abandon scolaire ou toute autre forme d'inadaptation à la société ;

**9° protection de l'enfant** : ensemble de mesures législatives, administratives ou judiciaires prises dans l'intérêt de l'enfant ;

**10° enfant** : toute personne n'ayant pas encore atteint l'âge de dix huit ans.

**<u>CHAPITRE II</u> : PRINCIPES GENERAUX RELATIFS AUX DROITS DE L'ENFANT**

**<u>Article 4</u> : Egalité des enfants**

Tous les enfants naissent égaux et jouissent des droits et libertés reconnus et garantis par la loi et bénéficient des protections qu'exige leur condition d'enfant, sans discrimination aucune.

ryose.

Ariko gufatira ibyemezo n'ingamba abana bafite ibibazo byihariye hagamijwe koroshya cyangwa kuvanaho impamvu zitera cyangwa zigira uruhare mu gukomeza kubaho kw'ivangura ntibifatwa nk'ivangura.

**Ingingo ya 5: Itandukanya ry'abana hashingiwe ku buryo bavutse**

Itandukanya ry'abana rishingiye ku buryo bavutse ku babyeyi babo rirabujijwe**.** Inyito uwemewe n'amategeko, utemewe n'amategeko n'uvuka ku babyeyi batashyingiranywe cyangwa indi nyito iyo ariyo yose igamije itandukanya ry'abana rishingiye ku buryo bavutse zirabujijwe.

Nta nyandiko n'imwe yerekeye uburyo umwana yavutse ku babyeyi be ishyirwa mu gitabo cy'irangamimerere.

**Ingingo ya 6: Inyungu y'umwana**

Mu gihe inzego z'ubucamanza n'iz'ubutegetsi zisuzuma ikibazo kireba umwana, inyungu y'umwana ni yo yitabwaho mbere ya byose.

Ibigo bya Leta cyangwa imiryango itari iya Leta

discrimination.

However, the adoption of positive measures in favor of groups of disadvantaged children, in order to mitigate or to eliminate conditions which cause or contribute to perpetuate discrimination shall not be considered as a form of discrimination.

**Article 5: Discrimination based on children birth conditions**

Discrimination among children based on their birth conditions is prohibited. Terms like legitimate, illegitimate or natural or any other form of discrimination of children basing on the circumstances in which they are born shall be prohibited.

No mention can be recorded in the civil status registry concerning the birth conditions of a child.

**Article 6 : Best interest of the child**

In all judicial and administrative proceedings related to the child, the primary consideration shall be in the best interests of the child.

Public or private social welfare institutions,

Toutefois, l'adoption des mesures en faveur des groupes d'enfants ayant des problèmes spécifiques, visant à atténuer ou à supprimer les conditions qui font naître ou contribuent à perpétuer la discrimination n'est pas considéré comme une forme de discrimination.

**Article 5 : Non-distinction d'enfants sur base des conditions de naissance**

La discrimination entre enfants basée sur les conditions de leur naissance est prohibée. Les qualificatifs tels que légitime, illégitime ou naturel, ou toute autre forme de distinction des enfants sur base des circonstances dans lesquelles ils sont nés sont prohibés.

Aucune mention n'est faite dans le registre de l'état civil sur les conditions de naissance de l'enfant.

**Article 6 : Intérêt supérieur de l'enfant**

Dans toute procédure judiciaire et administrative concernant l'enfant, l'intérêt supérieur de l'enfant est d'une considération primordiale.

Les établissements sociaux publics ou privés,

byita ku mibereho myiza, ibigo by'amashuri, inama z'umuryango cyangwa urundi rwego cyangwa umuntu urera umwana, byita buri gihe ku nyungu nkuru y'umwana mu gufata icyemezo icyo ari cyo cyose kimureba.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Igitekerezo cy'umwana**

Mu gihe inzego z'ubucamanza cyangwa iz'ubutegetsi zisuzuma ikibazo kireba umwana, agomba guhabwa uburyo bwo kumwumva, mu buryo bukurikije imihango iteganywa n'amategeko, yaba we ku giti cye cyangwa binyujijwe k'umuhagarariye, inzobere cyangwa urwego rubikwiye rwagenwe n'umucamanza.

Igitekerezo cy'umwana cyitabwaho hakurikijwe imyaka ye y'amavuko n'ubukure bwe ugereranije n'ikibazo abazwaho.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Uburenganzira bwo kubaho**

Umwana afite uburenganzira bwo kubaho kandi ntashobora kubuvutswa.

Bitabangamiye ibiteganywa n'itegeko mpanabyaha, gukuramo inda ku bushake birabujijwe kandi bihanwa n'itegeko.

schools, legal guardians or anybody or any other individual responsible for the child shall, in the process of taking any decision concerning the latter, always take into consideration the best interest of the child.

**<u>Article 7</u> : Opinion of the child**

In any judicial or administrative procedure concerning the child, he/she is given a hearing in accordance with the legally recognized rules of procedures, directly or through a representative, an expert or a relevant institution recommended by the judge.

The child opinion is given due consideration in accordance with his/her age and maturity in regard to the subject which he/she is heard.

**<u>Article 8</u> : Right to life**

The child has right to life and he/she shall not be deprived.

Notwithstanding the provisions provided by penal code, deliberate abortion is prohibited and punished by the law.

les établissements scolaires, les conseils de famille ou tout autre organe ou personne ayant la charge de l'enfant, prennent toujours en compte l'intérêt supérieur de celui–ci dans toute décision le concernant.

**<u>Article 7</u> : Opinion de l'enfant**

Dans toute procédure judiciaire ou administrative intéressant l'enfant, celui-ci est entendu conformément aux règles des procédures reconnues par la loi, directement ou par l'intermédiaire d'un représentant, un expert ou une institution compétente désignée par le juge.

L'opinion de l'enfant est prise en considération en tenant compte de son âge et de sa maturité par rapport à la question au sujet de laquelle il est entendu.

**<u>Article 8</u> : Droit à la vie**

L'enfant a droit à la vie et ne peut être privé de la vie.

Sans préjudice des dispositions pénales, l'avortement volontaire est prohibé et puni conformément à la loi.

**Ingingo ya 9: Indishyi zigenerwa umwana wagize impanuka**

Umwana wagize impanuka agenerwa indishyi cyangwa zikagenerwa umuryango we mu gihe umwana yapfuye.

Hashingiwe ku byiciro by'imyaka umwana afite, hashobora gutangwa indishyi ziri mu byiciro bikurikira:

1° indishyi z'akababaro;

2° indishyi z'imbonezamusaruro;

3° indishyi z'ububabare n'ubusembwa by'umubiri.

Iteka rya Perezida rigena ibipimo n'ibindi bishingirwaho mu kugena indishyi zihabwa umwana wagize impanuka cyangwa umuryango we.

**Ingingo ya 10 : Uburenganzira bw'imikurire**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, umuryango nyarwanda na Leta kugira ngo akure neza ku mubiri, mu mitekerereze, mu kwemera, mu bwenge, mu bitekerezo no mu

**Article 9 : Compensation of a child who is victim of an accident**

A child who is victim of an accident shall be compensated. In case the accident resulted in death of the child the compensation shall be allocated to his/her family.

Depending on the age of the child, compensation shall be granted according to the following scale of categories:

1° compensation for moral loss;

2° compensation for pecuniary loss;

3° Compensation for bodily injury and aesthetic damage.

A Presidential Order shall determine the rates and other criteria on which calculation of compensation to be given to a child victim of an accident or to his/her family is based.

**Article 10 : Right to grow**

Every child shall have the right to be provided with special protection by his/her family, the Rwandan community and the Government for his/her physical, mental, spiritual, moral, psychological and social growth according to

**Article 9 : Indemnisation de l'enfant victime d'un accident**

L'enfant victime d'un accident a droit à l'indemnisation. En cas de décès de l'enfant suite à l'accident, l'indemnisation est versée à sa famille.

Selon la catégorie d'âge de l'enfant, l'indemnisation se fait selon une échelle de catégories suivantes:

1° indemnisation pour préjudices moraux ;

2° indemnisation pour préjudices économiques ;

3° indemnisation des préjudices corporels et esthétiques.

Un arrêté Présidentiel définit les taux et les autres critères sur base desquels l'indemnisation à allouer à l'enfant victime de l'accident ou à sa famille est calculée.

**Article 10: Droit à la croissance**

Chaque enfant a droit à la protection spéciale par sa famille, la communauté rwandaise et par l'Etat pour sa croissance physique, mentale, spirituelle, morale, psychologique et sociale, d'une manière compatible avec la dignité

mibanire ye n'abandi ku buryo buhuje n'agaciro ka muntu.

**Ingingo ya 11: Igihe uburenganzira bw'umwana butangirira**

Umwana arindwa n'itegeko kuva agisamwa kandi afatwa nk'uwavutse igihe cyose biri mu nyungu ze.

**UMUTWE WA III : UBURENGANZIRA MBONEZAMUBANO, UBWISANZURE N'INSHINGANO BY'UMWANA**

**Icyiciro cya mbere: Uburenganzira mbonezamubano bw'umwana**

**Ingingo ya 12: Uburenganzira bw'umwana bwo kugira ibimuranga**

Umwana afite uburenganzira bwo kugira ibimuranga, iby'ibanze muri byo bikaba ari izina, ubwenegihugu n'isano ry'umuryango.

Umwana udafite ibimuranga bizwi, Leta ifite inshingano zo kumufasha kubigira.

Uguhimba, uguhishira cyangwa uguhindura uko ari ko kose ibiranga umwana mu buryo bunyuranyije n'amategeko bihanwa n'amategeko.

the human dignity.

**Article 11: Beginning of the enjoyment of the child's rights**

The child shall enjoy his/her rights as of conception and he/she is reputed born whenever his/her interests are concerned.

**CHAPTER III : CIVIL RIGHTS, FREEDOM AND DUTIES OF THE CHILD**

**Section One : Civil rights of the child**

**Article 12 : Right of the child to an identity**

A child has the right to an identity whose essential elements are a name, a nationality and family relations.

Where a child has no known identity, the Government has obligation to help him/her to obtain them.

Any falsification, dissimulation or illegal modification of the identity of the child is an infringement which is punishable by the law.

humaine.

**Article 11: Début de la jouissance des droits de l'enfant**

L'enfant jouit de ses droits dès la conception et il est réputé né chaque fois qu'il s'agit de ses intérêts.

**CHAPITRE III : DROITS CIVILS, LIBERTES ET DEVOIRS DE L'ENFANT**

**Section première : Droits civils de l'enfant**

**Article 12 : Droit de l'enfant à une identité**

L'enfant a droit à une identité dont les éléments essentiels consistent en un nom, une nationalité et le lien familial.

Si l'identité de l'enfant est inconnue, l'Etat a l'obligation de l'aider à en avoir.

Toute falsification, dissimulation ou changement illégal de l'identité de l'enfant constitue une infraction punissable par la loi.

**Ingingo ya 13: Izina ry'umwana**

Umwana wavutse ahabwa izina rimuranga nk'uko itegeko ribiteganya.

Izina ry'umwana ririndwa n'itegeko. Rishobora guhindurwa gusa n'umuyobozi ubifitiye ububasha iyo hari impamvu nyazo, nk'uko itegeko ribiteganya.

Izina ry'umwana ntirigomba kurangwamo ikintu cyose kimutesha agaciro harimo igitutsi, urukozasoni, incyuro cyangwa gusebanya.

**Ingingo ya 14: Ubwenegihugu bw'umwana**

Umwana abona ubwenegihugu bw'u Rwanda hakurikijwe itegeko.

**Ingingo ya 15: Isano ry'umuryango**

Umwana afite uburenganzira bwo kumenya ababyeyi be, kubana nabo no kurengerwa nabo mu gihe bariho.

Amazina ya Se n'aya Nyina b'umwana yandikwa mu gitabo cy'irangamimerere no mu bindi bitabo by'ibarura ry'abantu hatitawe ku buryo umwana yavutsemo bijyanye n'uko ababyeyi be babanye.

**Article 13 : Name of the child**

A child is given a name immediately after birth according to the law.

The name given to the child is protected by the law.It can not be changed unless there are sound reasons, and only by the relevant authority in accordance with the law

The name given to a child should not bear any characteristics that dishonor him/her like abuse, immorality, ridiculing or slandering.

**Article 14: Nationality of the child**

A child shall acquire Rwandan nationality in accordance with the law.

**Article 15 : Family relations**

A child has right to know his/her parents, to stay with them and to be protected by them when they are alive.

The names of both father and mother of the child shall be recorded in the register of births and any other registers of the population regardless to the birth circumstances of the child in relation with the marital status of his/her parents.

**Article 13 : Nom de l'enfant**

L'enfant reçoit son nom à la naissance, conformément à la loi.

Le nom de l'enfant est protégé par la loi. Il ne peut être changé que pour des justes motifs par l'autorité compétente, conformément à la loi.

Le nom attribué à l'enfant ne doit avoir aucun caractère déshonorant tel que le caractère injurieux, immoral, ridiculisant ou calomnieux.

**Article 14 : Nationalité de l'enfant**

L'enfant acquiert la nationalité rwandaise conformément à la loi.

**Article 15 : Lien familial**

L'enfant a le droit de connaître ses parents, de vivre avec eux et de bénéficier de leur protection s'ils sont encore en vie.

Les noms du père et de la mère sont mentionnés dans le registre d'état-civil et les autres registres de la population, nonobstant les circonstances de naissance de l'enfant par rapport au statut marital de ses parents.

Mu gihe umwana adashobora kubana na Se cyangwa Nyina cyangwa n'ababyeyi be bombi kubera impanvu zinyuranye nk'ubutane bw'ababyeyi cyangwa ikindi, afite uburenganzira bwo gufatwa neza nabo no kubasura igihe cyose abishakiye, iyo bitabangamiye umutekano we cyangwa umutekano rusange.

Mu gihe cyose ababyeyi batandukanye, umwana utarageza ku myaka itandatu (6) y'amavuko, agomba kubana na nyina keretse iyo bishobora kubangamira inyungu z'umwana.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Iyandikwa ry'umwana wavutse**

Umwana wese uvutse yandikishwa mu gitabo cy'irangamimerere n'ababyeyi be cyangwa undi wamwakiriye mu buryo no mu gihe biteganijwe n'itegeko, akabiherwa icyemezo.

Umwana uvuka ku babyeyi batashyingiranywe yandikwa hashingiwe ku mvugo y'umwe mu babyeyi be waje kumwandikisha. Uwavuzwe ko ariwe Se cyangwa Nyina w'umwana abimenyeshwa n'umwanditsi w'irangamimerere mbere y'uko uwo mubyeyi yandikwa igihe adahari mu gihe cy'iyandikwa. Iyo umubyeyi ubimenyeshejwe abyemeye, ahita yandikwa.

When due to certain circumstances such as divorce or any other circumstance, it is impossible for the child to live with his/her father or mother or both of his/her parents, he/she has the right to obtain from them necessary care and to visit them whenever he/she wishes to provided this doesn't threaten his/her security or the public order.

In case of divorce or separation, any child under the age of six (6) years, shall be under his/her mother's care, unless it threatens the child's interests.

**<u>Article 16</u>: Registration of new born child**

Any child born is registered in the civil status registry by his/her parents or his/her guardian in accordance with modalities and time limits specified by the law, and a certificate shall be issued.

A child born out of wedrock is registered upon declaration by one of his or her parents.
The one who is designated as being the father or the mother of the child is informed by the civil registrar before the registration of the child where he / she was not present at the time of declaration. When there is consent the child is immediately registered.

Lorsque suite à certaines circonstances comme le divorce ou une autre circonstance, il n'est pas possible que l'enfant vive avec son père ou sa mère ou ses deux parents à la fois, il a le droit de recevoir de leur part des soins et de leur rendre visite quand il le veut, pour autant que cela ne porte pas atteinte à sa sécurité ou à l'ordre public.

En cas de divorce ou de séparation, l'enfant n'ayant pas encore atteint l'âge de six (6) ans doit vivre avec sa mère, à moins que cela soit contraire aux intérêts de l'enfant.

**<u>Article 16</u> : Enregistrement d'un enfant né**

Tout enfant né doit être enregistré au registre d'état-civil par ses parents ou celui qui en a la garde suivant les modalités et délais définis par la loi, et un certificat est délivré à cet effet.

L'enfant né hors mariage est enregistré sur base d'une déclaration faite par l'un de ses parents. La personne désignée comme étant le père ou la mère de l'enfant est tenue informé par l'Officier de l'état civil avant tout enregistrement si ce parent n'était pas présent lors de la déclaration. Si cette personne donne son consentement, l'enfant est immédiatement enregistré.

Iyo havutse impaka zishingiye ku kumenyekana k'umwe mu babyeyi b'umwana, hitabazwa inkiko.

**Icyiciro cya 2: Ubwisanzure bw'umwana**

**Ingingo ya 17: Ubwisanzure bw'umwana mu gutekereza, kugaragaza ibitekerezo bye, kugira umutimanama no guhitamo idini**

Bitewe n'ikigero agezemo, umwana afite uburenganzira ku bwisanzure bwo gutekereza, ubwo kugaragaza ibitekerezo bye, ubwo kugira umutimanama no guhitamo idini abigiriwemo inama kandi abiyobowemo nta gahato n'ababyeyi be cyangwa umwishingizi we.

**Ingingo ya 18: Ubwisanzure bwo kwishyira hamwe**

Umwana afite uburenganzira ku bwisanzure bwo kwishyira hamwe n'abandi no guteranira mu nama, hakurikijwe amategeko.

**Ingingo ya 19: Imibereho bwite y'umwana**

Imibereho bwite y'umwana irindwa n'itegeko.

Bikurikije icyiciro agezemo birabujijwe kubangamira umwana mu buryo ubwo ari bwo bwose, mu mibereho bwite ye, bigamije

Disputes concerning the identification of one of the child's parents shall be referred to courts.

**Section 2: Freedom of the child**

**Article 17: Freedom of expression, thought, conscience and religion of the child**

Depending on his/her age and level of understanding, the child has right to freedom of expression, thought, conscience and religion upon advice and guidance by his / her parents or guardian without any duress.

**Article 18:Freedom of association**

A child has the right to freedom of association and of peaceful assembly in accordance with the law.

**Article 19 :Private life of the child**

Child privacy is protected by the law.

Depending on his/her age and level of understanding, any arbitrary interference in the child privacy in order to attack his/her honor

En cas de litiges relatifs à l'identité de l'un des parents de l'enfant, il est fait recours aux juridictions.

**Section 2 : Libertés de l'enfant**

**Article 17 : Liberté d'expression, de pensée, de conscience et de religion de l'enfant**

Selon la catégorie d'âge, l'enfant a droit à la liberté de pensée, d'expression, de conscience et de religion sur conseils de ses parents ou du tuteur sans aucune contrainte.

**Article 18 : Liberté d'association**

L'enfant a droit à la liberté d'association et de réunion qu'il exerce conformément à la loi.

**Article 19:Vie privée de l'enfant**

La vie privée de l'enfant est protégée par la loi.

Selon la catégorie d'âge de l'enfant, toute immixtion arbitraire dans sa vie privée, dans le but de porter atteinte à son honneur et à sa

kumwambura icyubahiro no kumutesha agaciro.

**Ingingo ya 20: Uburenganzira bwo kumenya amakuru, kuruhuka no kwidagadura**

Umwana afite uburenganzira bwo kubona amakuru akwiye, ubwo kuruhuka n'ubwo kwidagadura.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena uburyo inzego zitandukanye zubahiriza uburenganzira bw'umwana mu kubona amakuru n'itumanaho bimukwiye, ibitabo bijyanye n'ikigero cye, ibya ngombwa bijyanye n'imikino n'imyidagaduro bye n'uburyo umwana ahabwa ikiruhuko bigamije imibereho myiza ye n'umuco.

**Icyiciro cya 3: Inshingano z'umwana**

**Ingingo ya 21: Inshingano yo kubaha no gufasha**

Hashingiwe ku bwenge afite, umwana agomba kubaha umuntu wese, cyane cyane ababyeyi be, umwishingizi we cyangwa umurera.

Agomba kandi gufasha ababyeyi be cyangwa undi wamwishingiye mu buryo bujyanye

and dignity is prohibited.

**Article 20 : Right to access information and right to rest and leisure**

A child has the right to access suitable information, right to rest and leisure**.**

A Prime Minister's Order shall determine appropriate modalities for different institutions to ensure the child's rights as to accessing appropriate information and communication, books according to his/her age, recreational facilities and the means of enjoying rest for social and cultural purposes.

**Section 3 : Duties of the child**

**Article 21: Obligation of respect and assistance**

Depending on his/her understanding level, the child, must respect any human being, especially his/her parents or guardian.

He/she shall also help his/her parents or guardian proportionally to his/her capabilities.

dignité est prohibée.

**Article 20 : Droit d'accès à l'information et droit au repos et aux loisirs**

L'enfant a le droit d'accéder à une information appropriée, au repos et aux loisirs.

Un arrêté du Premier Ministre détermine des modalités par lesquelles les différentes instances assurent le respect des droits de l'enfant en ce qui concerne l'accès à l'information et à la communication appropriées, aux livres adaptés à son âge, aux infrastructures récréatives ainsi qu'aux moyens de bénéficier de repos à des fins sociales et culturelles.

**Section 3 : Devoirs de l'enfant**

**Article 21 : Devoir de respect et d'assistance**

Selon son niveau de discernement, l'enfant a le devoir de respecter toute personne humaine, spécialement ses parents, son tuteur ou celui qui en a la garde.

Il assiste également ses parents, son tuteur ou celui qui en a la garde dans la mesure de ses

n'ubushobozi bwe.

**Ingingo ya 22: Gukunda igihugu**

Umwana agomba gukunda igihugu cye.

Mu myigire ye yo mu mashuri, hashyirwamo gahunda y'amasomo y'uburere mboneragihugu kugira ngo ashobore kumva ishingiro ryo gukunda igihugu cye.

**Ingingo ya 23: Inshingano yo kwiga**

Umwana afite inshingano yo kwiga amashuri y'ibanze ababyeyi be na Leta bamugenera.

**UMUTWE WA IV: UMURYANGO BWITE W'UMWANA N'UMURYANGO MWISHINGIZI**

**Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange**

**Ingingo ya 24: Uburenganzira bwo kugira umuryango**

Umwana wese afite uburenganzira bwo kugira umuryango avukamo, abamo, akuriramo kandi abyirukiramo, umurinda ku buryo bwose, ukamugaragariza urukundo kugira ngo yisanzure.

**Article 22 : Patriotism**

A child must love his/her nation.

During the education stage of a child, civic education programs are included to allow him/her understand the basis of loving his/her nation.

**Article 23 : Duty to study**

A child has the duty to undergo basic education as ensured by parents and the Government.

**CHAPTER IV : BIRTH FAMILY AND FOSTER FAMILY OF THE CHILD**

**Section One: General provisions**

**Article 24 : Right to a family**

Each child has the right to have a family from his/her birth, where he/she lives, grows, develops and which ensures all the protection and affection necessary to his/her full development.

capacités.

**Article 22 : Patriotisme**

L'enfant doit aimer sa patrie.

Dans la formation scolaire de l'enfant, des programmes d'éducation civique sont inclus afin de lui permettre de comprendre le bien fondé de développer un sentiment patriotique.

**Article 23 : Devoir d'étudier**

L'enfant a le devoir de suivre l'éducation de base lui est assurée par ses parents et l'État.

**CHAPITRE IV : FAMILLE DE NAISSANCE ET FAMILLE D'ACCUEIL DE L'ENFANT**

**Section première : Disposition générale**

**Article 24 : Droit à la famille**

Tout enfant a le droit d'avoir une famille dans laquelle il naît, vit, grandit, se développe et qui lui assure toute la protection et l'affection nécessaires à son plein épanouissement.

Umwana ubuze by'igihe gito cyangwa burundu umuryango avukamo, afite uburenganzira bwo guhabwa n'urwego rubifitiye ububasha uburyo busimbura umuryango we, bushobora kuba: ugushyirwa mu muryango umwakira, kugirwa uw'ababyeyi batamubyaye cyangwa se gushyirwa mu kigo kirera abana kibifitiye ubushobozi.

Mu gihe uwo mwana atarabonerwa umuryango, urwego rubifitiye ububasha rumugenera uburyo bwo kubaho.

**Icyiciro cya kabiri: Umuryango bwite**

**Ingingo ya 25: Inshingano y'umuryango n'ababyeyi yo kuyobora umwana**

Ababyeyi, abiyemeje kuba ababyeyi b'umwana cyangwa undi muntu wese ushinzwe umwana mu buryo bwemewe n'amategeko, bafite inshingano yo kumuyobora, kumuha uburere bwo kubaha abandi no kumutoza gukunda igihugu kugira ngo ubuzima, ubwenge n'ubushobozi bye bitere imbere hakurikijwe umuco w'Igihugu.

Mu burere umwana ahabwa, igitsure cya kibyeyi ku mwana ntikigomba kumuhahamura, gikoreshwa mu buryo bwubahiriza agaciro ka muntu n'icyubahiro umwana agomba guhabwa.

Minisitiri ufite abana mu nshingano ze ashyiraho

A child who is temporarily or definitively deprived of his or her birth family shall be entitled, through the relevant authority, to a replacement protection which could consist of his or her placement in a foster family, an adoptive family or a placement in a relevant social welfare institution.

When the child has not yet obtained a family, the relevant authority shall provide him/her with means for survival.

**Section 2 : Birth Family**

**Article 25: Duties of the family and parents to educate the child**

Parents, guardians or other persons legally responsible for the child have responsibility to ensure appropriate direction and guidance, education as to respecting others and loving and serving the country for the full development of capacities of the child, according to the national culture.

During the education of the child, the reprimand must not consist in traumatizing him/her; it is done with humanity and dignity.

The Minister in charge of children shall

L'enfant temporairement ou définitivement privé de sa famille de naissance a droit, de part l'instance habilitée, à un cadre de remplacement qui peut consister en une famille d'accueil, en une famille d'adoption ou, à défaut, en un placement dans un établissement approprié pour enfants.

L'instance habilitée assure à l'enfant l'accès aux moyens de survie aussi longtemps qu'il n'a pas encore obtenu de famille.

**Section 2 : Famille de naissance**

**Article 25: Devoir de la famille et des parents quant à l'éducation de l'enfant**

Les parents, les tuteurs ou toute autre personne légalement responsable de l'enfant ont le devoir de lui assurer l'orientation et l'encadrement nécessaires, l'éducation en ce qui concerne le respect des autres personnes et l'amour de la patrie pour le plein développement de ses potentialités, en conformité avec la culture nationale.

Durant l'éducation de l'enfant, la réprimande donnée à ce dernier ne doit pas le traumatiser, elle est faite avec humanité et dignité qui lui sont dues.

Le Ministre ayant les enfants dans ses

iteka rigena ingamba zerekeye uburere n'izindi zigamije guteza imbere uburyo bwiza bwo kugira igitsure ku mwana no kumuhana bitamuhutaza, kumufata neza no kumwitaho mu muryango.

**Ingingo ya 26: Inshingano ya Leta yo kugoboka ababyeyi cyangwa abishingiye umwana batishoboye**

Leta, mu bushobozi bwayo, ishyiraho uburyo bwo kugoboka abatishoboye bafite inshingano yo kurera umwana, kugira ngo bashobore kuzuza izo inshingano bamuha ibyo akeneye mu rwego rw'imirire, kuvurwa, uburere, imyambaro n'icumbi.

**Icyiciro cya 3: Gushyira umwana uhohoterwa cyangwa utotezwa n'umuryango we ahandi arererwa**

**Ingingo ya 27: Impamvu zatuma umwana ashakirwa ahandi arererwa**

Nta mwana ugomba gutandukanywa n'umuryango we nta mpamvu.

Ariko, kubera inyungu z'umwana, ababyeyi, umwishingizi cyangwa undi muntu wese umufiteho ububasha ahabwa n'amategeko

specify by an Order, the necessary educational measures and other forms of non violent disciplinary punishments, care and treatments for the child.

**Article 26: Government obligation of assistance to indigent parents or guardians**

The Government shall, depending on its means, establish a mechanism to assist indigent persons who insure parental responsibility to the child, in order to allow them to meet their obligations of providing him or her with what he or she needs in terms of his or her nutrition, health care, education, clothing and housing.

**Section 3: Placement in a foster family of a child victim of violence and mistreatments in his/her family**

**Article 27: Reasons for placement of the child**

No child shall be arbitrarily be separated from his / her family.

However, for the best interest of the child, parents, guardians or any other person legally responsible of the child may be denied the

attributions définit par arrêté les mesures d'ordre éducatif et autres pour promouvoir des formes de discipline, soins et traitements positifs et non violents.

**Article 26 : Obligation de l'Etat d'assistance aux parents ou aux tuteurs indigents**

L'Etat, dans la mesure de ses moyens, met en place un mécanisme d'assistance aux personnes indigentes qui assurent la responsabilité parentale vis-à-vis de l'enfant, afin de leur permettre de s'acquitter de leurs obligations en lui fournissant ce dont il a besoin pour sa nutrition, ses soins de santé, son éducation, son habillement et son logement.

**Section 3 : Placement de l'enfant dans la famille d'accueil en cas de violences et mauvais traitements par sa famille**

**Article 27 : Conditions de placement de l'enfant**

Aucun enfant ne peut être arbitrairement séparé de sa famille.

Toutefois, pour l'intérêt supérieur de l'enfant, les parents, le tuteur ou toute autre personne qui exercent l'autorité légale sur l'enfant

bashobora kwamburwa umwana barera agashyirwa ahandi arererwa kubera impamvu zikurikira:

1° ihohoterwa;
2° ibikorwa bibi;
3° kudashobora kumurera kubera uburwayi bwo mu mutwe;
4° kwamburwa ububasha bwa kibyeyi.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Inshingano yo kumenyekanisha ibikorwa bibi bikorerwa umwana**

Umwana ukorerwa ibivugwa mu gika cya kabiri cy'ingingo ya 27, agace ka 1°, aka 2°, n'aka 3° afite uburenganzira bwo kubimenyesha urwego rufite ububasha bwo gushyira abana ahandi barererwa.

Abagize umuryango n'undi muntu wese uba mu rugo cyangwa undi wese wamenye ihohoterwa cyangwa ibikorwa bibi bikorerwa umwana, bafite inshingano yo kubimenyesha urwego rufite ububasha bwo gushyira umwana ahandi yarererwa cyangwa urwego rwa Polisi y'u Rwanda rubari hafi.

right to keep the child and such right is transferred to a third party due to the following reasons:

1° violence;
2° mistreatments;
3° incapacity to provide him/her with care following mental disability;
4° being stripped off parental authority.

**<u>Article 28</u>: Obligation to denounce violence and mistreatments against the child**

A child victim of the facts mentioned in points 1°, 2°, 3° of paragraph 2 of Article 27 of this Law, has the right to denounce them to the authority in charge of placement.

The members of the family or any other person knowing that the child is a victim of violence or mistreatments shall have the obligation to denounce them to the authority in charge of placement or to the nearest organ of Rwanda National Police.

peuvent être privés du droit de garde et ce droit est transféré à une tierce personne pour des raisons suivantes :

1° violences ;
2° mauvais traitements ;
3° incapacité d'éduquer l'enfant suite à une incapacité mentale ;
4° déchéance de l'autorité parentale.

**<u>Article 28</u>: Obligation de dénoncer des violences et des mauvais traitements à l'égard de l'enfant**

L'enfant victime des faits visés aux points 1°, 2°, 3° de l'alinéa 2 de l'article 27 de la présente loi a le droit de les dénoncer auprès de l'autorité compétente en matière de placement.

Les membres de la famille ou toute autre personne ayant une connaissance de ce que l'enfant est victime des violences ou mauvais traitements, ont l'obligation de les dénoncer auprès de l'autorité compétente en matière de placement ou à l'organe de la Police Nationale du Rwanda le plus proche.

**Ingingo ya 29: Ingamba z'agateganyo zihutirwa**

Urwego rwa Leta rubifitiye ububasha rumaze kuregerwa ibikorwa bivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 27 y'iri tegeko**,** rukurikije uburemere bwabyo n'ibimenyetso rufite, rwihutira kwambura umwana by'agateganyo abamurera babifitemo uruhare, rukamuha undi muryango ufitanye nawe isano ya hafi, yaba atawufite rukamuha undi muryango cyangwa ikigo cyita ku mibereho myiza cyiteguye kumwakira by'agateganyo.

Mu gihe ababyeyi batabana, urwego rushinzwe gushakira abana ahandi barererwa rushobora guha uwo mwana undi mubyeyi batabanaga, keretse iyo bibangamiye inyungu z'umwana.

**Ingingo ya 30: Iperereza rikorwa n'inzego z'ubuyobozi**

Urwego rwa Leta rufite ububasha bwo gushakira umwana ahandi arererwa rubaza umwana, uregwa n'abatangabuhamya ibyabaye. Rushobora kandi kwitabaza inzobere kugira ngo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) rushobore gufata icyemezo gishingiye ku bimenyetso bifatika.

**Article 29 :Urgent and provisional measures**

As soon as the relevant administrative authority is seized of the facts referred to in paragraph 2, article 27 of this Law, taking into account their gravity and of the indices at its disposal, it takes an urgent and provisional measure to withdraw the child off the guardianship of the implied persons and temporarily entrusts him/her to another family of relatives or any another family or temporarily to a social welfare institution willing to receive him/her.

In case of separated parents, the administrative authority in charge of placement may entrust the guardianship of the child to the other parent, unless this is against the best interest of the child.

**Article 30 :Administrative investigations**

The administrative authority in charge of placement shall hear the child, the person blamed and the witnesses. The authority may resort to experts where it is necessary to establish its conviction within fifteen (15) days.

**Article 29 : Mesures urgentes et provisoires**

Dès que l'autorité administrative compétente est saisie des faits visés à l'alinéa 2 de l'article 27 de la présente loi, compte tenu de leur gravité et des éléments de preuve à sa disposition, elle prend une mesure urgente et provisoire pour soustraire l'enfant de la garde des personnes impliquées et le confier à la garde d'une autre famille proche par parenté ou à défaut à une autre famille ou à un établissement social disposé à le recevoir provisoirement.

Dans le cas des parents qui ne vivent pas ensemble, l'autorité administrative chargée du placement peut confier la garde de l'enfant à l'autre parent, sauf si cela va en l'encontre de l'intérêt supérieur de l'enfant.

**Article 30 : Investigations administratives**

L'autorité administrative compétente en matière de placement procède à l'audition de l'enfant, de la personne mise en cause et des témoins. Elle peut aussi recourir au service d'experts pour fonder sa conviction endéans quinze (15) jours.

**Ingingo ya 31: Igitekerezo cy'umwana ku birebana no gushakirwa ahandi arererwa**

Umwana afite uburenganzira bwo gukurikiranira hafi igikorwa cyose kigamije kumutandukanya n'umuryango we kandi akagitangaho igitekerezo.

Kumva ibitekerezo by'umwana bishobora gukorwa ku buryo butaziguye cyangwa buziguye yunganirwa n'umuhanga mu by'inyurabwenge cyangwa ushinzwe ubuzima bw'imitekerereze cyangwa se undi muntu mukuru umwana yihitiyemo.

**Ingingo ya 32: Icyemezo cyo kugarura umwana mu muryango**

Nyuma y'iperereza, iyo urwego rubifitiye ububasha rusanze ibikorwa biregerwa bidafite uburemere cyangwa ari igikorwa kitari akamenyero cyangwa se kitagaragara nk'ikizakomeza, rugira inama ababyeyi cyangwa abishingizi b'umwana baregwa, umwana akagaruka mu muryango we, ariko rugakomeza kugenzura no gukurikirana uko amerewe.

Iyo ibikorwa biregerwa bikomeye cyangwa bigaragara ko bizakomeza kubaho, urwego rubifitiye ububasha rufata icyemezo cy'agateganyo ko umwana akwiye gushyirwa ahandi arererwa. Icyo cyemezo kimenyeshwa mu

**Article 31 : Opinion of the child in placement procedure**

The child has the right to attend any proceeding aimed at separating him/her from his/her family and to give his/her opinion.

The hearing of the child can be done directly or indirectly through a psychologist, a psychosocial assistant or any adult of his/her choice.

**Article 32 :Decision ordering to return the child in the family**

After investigations, if the relevant authority concludes of no serious matters or a strictly isolated incident which is not part of an usual behavior or tendency to persistence; such authority shall provide advices to blamed parents or guardians and order to return the child in his/her family but will continue to ensure a close follow-up of the child's situation.

In case the deplored facts happen to be grave or if there is a tendency to persistence of the deplored behavior, the relevant authority shall take a provisional decision as to the placement of the child. Such decision shall immediately

**Article 31 : Opinion de l'enfant dans la procédure de placement**

L'enfant a le droit d'assister à toute instance tendant à le séparer de sa famille et de donner son opinion.

L'audition de l'enfant peut se faire directement ou indirectement avec l'assistance d'un psychologue ou d'un assistant psychosocial et ou d'une autre personne adulte de son choix.

**Article 32: Décision ordonnant le retour de l'enfant dans la famille**

A l'issue des investigations, si l'autorité compétente conclut à la non gravité des faits ou à un incident strictement isolé qui ne relève pas d'un comportement habituel ou d'une tendance à la persistance, elle prodigue des conseils aux parents ou tuteurs mis en cause et ordonne le retour de l'enfant dans sa famille, tout en veillant à assurer la surveillance et le suivi de sa situation.

En cas de gravité des faits allégués ou de tendance à la persistance du comportement déploré, l'autorité compétente prend la décision provisoire quant au placement de l'enfant. Cette décision est immédiatement

nyandiko ababyeyi cyangwa abishingizi b'umwana kikimara gufatwa.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Gutakambira inzego ku cyemezo cy'agateganyo cyo gushyira umwana ahandi arererwa**

Icyemezo cyo gushyira umwana ukorerwa ihohoterwa n'ibikorwa bibi ahandi arererwa gishobora gutakambirwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ku wagifashe, utakamba iyo atanyuzwe ajuririra ukuriye uwafashe icyemezo. Iyo atishimiye umwanzuro w'ubujurire, atanga ikirego mu nkiko.

Inzego zitakambirwa zigomba kuba zatanze igisubizo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

**<u>Ingingo ya 34</u>: Gufata icyemezo cya burundu cyo gushyira umwana ahandi arererwa**

Icyemezo cya burundu cyo gushyira umwana ahandi arererwa gifatwa n'urukiko nyuma yo kubisabwa n'urwego rubifitiye ububasha cyangwa nyuma yo gusuzuma ikirego rwagejejweho n'uwambuwe umwana**.**

be notified in writing to the parents or guardians of the child.

**<u>Article 33</u> :Appeal against the decision of provisional decision as to placement of a child**

The decision to place a child victim of violence or illtreatment in a place than his/her family may be subject to internal administrative appeal within fifteen (15) days and then hierarchical appeals if the concerned person is not satisfied. If the appelant is not satisfied with the decision made by immediate superior, he/she shall lodge the complaint with the court of law.

All the authorities to whom appeals are referred shall react thereon within thirty (30) days.

**<u>Article 34</u>: Taking the final decision as to the placement of a child**

The final decision as to the placement of a child shall be taken by the court upon a request by the relevant authority or after hearing the case filed with it by the party which was stripped off the guardianship of the child.

communiquée par écrit aux parents ou aux tuteurs de l'enfant.

**<u>Article 33 :</u> Recours contre la décision provisoire de placement de l'enfant**

La décision de placement de l'enfant victime des violences ou mauvais traitements dans autre milieu d'accueil est susceptible de recours gracieux endéans quinze (15) jours. Si le requérant n'est pas satisfait de la décision sur recours gracieux, il peut faire recours au supérieur hiérarchique de celui qui l'a prise. S'il n'est pas satisfait de la décision du supérieur hiérarchique, le cas est porté devant les juridictions compétentes.

Toutes les autorités devant lesquelles sont portés les recours doivent y réagir endéans trente(30) jours.

**<u>Article 34</u>: Prendre la décision finale de placement de l'enfant**

La décision définitive en terme de placement de l'enfant est prise par la juridiction sur demande de l'autorité compétente ou après examen de l'affaire dont il est saisi par la partie à laquelle la garde de l'enfant est soustraite.

**Ingingo ya 35: Uko umwana washyizwe ahandi arererwa yitabwaho**

Umwana washyizwe ahandi arererwa yitabwaho kugira ngo agire ubuzima bwiza n'imibereho myiza harimo guhabwa indyo yuzuye, imyambaro, uburezi, ubuvuzi n'ubundi burenganzira yemererwa n'amategeko.

**Ingingo ya 36: Uburenganzira bw'umwana bwo kubonana n'abagize umuryango we**

Uretse iyo binyuranyije n'inyungu ze, umwana washyizwe ahandi arererwa afite uburenganzira bwo gushyikirana no kubonana ku buryo butaziguye n'ababyeyi be, kubonana n'abo bafitanye isano, abishingizi be cyangwa undi muntu wese mu gihe bikenewe.

**Ingingo ya 37: Gutera inkunga umwana washyizwe ahandi arererwa**

Iyo bishoboka kandi hashingiwe ku mpamvu zituma umwana ashyirwa ahandi arererwa, ababyeyi b'umwana washyizwe ahandi arererwa bagomba gukomeza kumuha ibya ngombwa akenera kugira ngo agire imibereho myiza.

**Article 35: Care for the child under placement**

A child who is under placement shall be catered for to ensure his/ her good living conditions and social welfare including a balanced diet, clothes, education, health care and any other rights provided for him/her by the law.

**Article 36 :Right for a child to maintain contacts with his /her family members**

Unless it's contrary to his/her best interest, the child in placement has the right to maintain personal relations and direct contacts with his/her parents, relatives, guardians or any other person where necessary.

**Article 37 :Support to a child in placement**

Where possible and basing upon the reasons for the placement of a child, the parents whose child is in the placement have the obligation to provide him/her with all he / she needs to ensure good living conditions.

**Article 35: Encadrement de l'enfant en placement**

L'enfant en placement bénéficie d'un encadrement de nature à lui garantir les meilleures conditions de vie et le bien être social y compris une alimentation complète, des habits, l'éducation, les soins médicaux ainsi que les autres droits reconnus par la loi.

**Article 36 : Droit de l'enfant d'être en contact avec les membres de sa famille**

L'enfant en placement a droit d'entretenir, sauf si cela est contraire à son intérêt supérieur, des relations personnelles et des contacts directs avec ses parents, ses membres de famille, tuteurs ou toute autre personne si c'est nécessaire.

**Article 37 : Appui à l'enfant en placement**

Pour autant que possible et sur base des raisons du placement, les parents dont l'enfant est en placement ont l'obligation de lui fournir tout ce dont il a besoin pour vivre dans les meilleures conditions.

**Icyiciro cya kane: Isimbura ry'umuryango w'umwana**

**Ingingo ya 38: Gushyira umwana wabuze umuryango we mu wundi muryango umwakira**

Gushyira umwana wabuze umuryango we mu wundi muryango umwakira byemezwa n'urukiko rubisabwe n'urwego rubifitiye ububasha, rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'umuryango ushaka kwakira umwana nk'uwo.

**Ingingo ya 39: Kubera umubyeyi umwana wabuze umuryango akomokamo**

Kubera umubyeyi umwana wabuze umuryango akomokamo bikorwa mu buryo buteganywa n'igitabo cy'amategeko mbonezamubano.

**Ingingo ya 40: Impamvu zituma umwana ashyirwa mu kigo cyita ku mibereho myiza**

Umwana ashyirwa mu kigo cyita ku mibereho myiza n'urwego rubifitiye ububasha iyo:

1° yabuze ababyeyi akaba atarabona undi muryango umwakira;

**Section 4 : Substitution of a child's family**

**Article 38 : Placement of a child deprived of his/her family in a foster family**

The decision of placement of a child deprived of his/her family in a foster family is taken by the court upon request by the relevant authority, at its own initiative or upon the request by the family willing to accommodate such a child.

**Article 39 : Adoption of a child deprived of his/her birth family**

The adoption of a child deprived of his/her birth family is carried out in accordance with the Civil Code.

**Article 40: Reasons for the placement of a child in a social welfare institution**

A child shall be placed in a social welfare institution by the relevant authority if:

1° he/she is deprived of his/her parents and has not yet found a foster family or an adoptive family ;

**Section 4 : Substitution de la famille de l'enfant**

**Article 38 : Placement d'un enfant privé de sa famille dans une autre famille d'accueil**

La décision de placement d'un enfant privé de sa famille dans une famille d'accueil est prise par la juridiction compétente sur demande de l'autorité compétente, à sa propre initiative ou à la requête de la famille désireuse d'accueillir un tel enfant.

**Article 39: Adoption d'un enfant privé de sa famille biologique**

L'adoption d'un enfant privé de sa famille biologique s'effectue dans les conditions de fond et de forme prévues par le Code civil.

**Article 40 : Raisons de placement d'un enfant dans un établissement social**

Le placement d'un enfant privé de sa famille biologique dans un établissement social par l'autorité compétente est effectué si :

1° il est privé de ses parents et ne trouve ni une famille d'accueil, ni une famille d'adoption;

2° yavukiye muri gereza yakuzuza imyaka itatu (3) ntabone abo bafitanye isano bamwakira;
3° urukiko rwafashe icyemezo cy'uko umwana ashyirwa ahandi arererwa ariko akaba atarabona undi muryango umwakira;
4° ari impunzi akaba atarabonana n'ababyeyi be;
5° ari inzererezi ataragira imyaka cumi n'ine (14) cyangwa asabiriza mu gihe hagishakishwa ababyeyi be;
6° hari impamvu igaragaza ko umwana afite ibibazo byihariye kandi adafite umuryango witeguye kumwakira.

Kuba umwana yashyizwe mu kigo cy'imibereho myiza, ntibivanaho ko urwego rubishinzwe rukomeza kumushakira umuryango arererwamo.

Iteka rya Minisitiri ufite abana mu nshingano ze rigena ibigomba kubahirizwa n'ibigo byita ku mibereho myiza y'abana n'uburyo ubugenzuzi bw'ibyo bigo bukorwa.

2° he/she is born in prison and at three (3) years none of his/ her relatives has accepted to receive him / her;
3° the court has ruled the placement of the child and there is no foster family to receive him/her;
4° he/she is a refugee and has not yet found his or her parents;
5° he/she is a vagrant under fourteen (14) years and procedures to identify his/her parents are still in process;
6° there are sound reasons indicating that the child is facing serious problems and no family is ready to receive him/her.

The fact that a child is placed in a social welfare institution does not relieve the relevant authority of the duty to look for the child's foster family.

An Order of the Minister in charge of children set out requirements to be met by child welfare institutions and modalities for the supervision of such institutions.

2° il est né en prison et à l'âge de trois ans aucune personne de sa parenté n'a voulu le recevoir ;
3° la juridiction a ordonné le placement de l'enfant, mais que la famille d'accueil n'est pas encore trouvé ;
4° il est un refugié et n'a pas encore trouvé ses parents;
5° il est délinquant de moins de quatorze (14) ans et la procédure d'identifier ses parents est en cours;
6° il existe des raisons qui indiquent que l'enfant a de graves problèmes et qu'il n'y a aucune famille qui est prête pour l'accueillir.

Le fait que l'enfant est placé dans un établissement social n'empêche pas l'autorité compétente de continuer à lui chercher une famille d'accueil.

Un arrêté du Ministre ayant les enfants dans ses attributions fixe les directives à suivre par des établissements sociaux ainsi que les modalités de leur contrôle.

**UMUTWE WA V: UBUZIMA NO KUBAHO NEZA BY'UMWANA**

**Icyiciro cya mbere: Ubuzima bw'umwana**

**Ingingo ya 41: Kwishingira ubuvuzi bw'abana b'imfubyi n'abandi bana batagira kivurira**

Leta yishingira gutangira abana b'imfubyi n'abandi bana batagira kivurira amafaranga yo gushyirwa mu bwishingizi bw'indwara.

Kutagira kivurira kw'abana kwemezwa n'urwego rw'ibanze.

Iteka rya Minisitiri ufite abana mu nshingano ze rigena uburyo iyi ngingo yubahirizwa.

**Icyiciro cya 2: Gushyira umwana mu kigo agomba kuvurirwamo**

**Ingingo ya 42: Umwana ufite ubumuga bwihariye**

Umwana ufite ubumuga bwihariye bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe ashyirwa mu kigo cyabigenewe ngo yitabweho kandi avurwe.

**CHAPTER V:CHILD'S HEALTH AND WELFARE**

**Section One: Child's health**

**Article 41: Taking care of orphans and other vulnerable children**

The Government is responsible for the costs of affiliation to the "mutual health Insurance" for orphans and other vulnerable children.

The vulnerability of children is certified by local authorities.

An Order of the Minister in charge of children determines modalities for the implementation of this Article.

**Section 2: Placement of a child in a medical care centre**

**Article 42: Child with special disability**

